Akanama Gashinzwe Amahoro Bikwizwe: Rusange
31 Ukwakira 2000.

Ikicyemezo 1325 (2000)

Cyemejwe n'Akanama Gashinzwe Amahoro mu nama ya 4213 yabaye kuri 31 Ukwakira 2000

Akanama Gashinzwe Amahoro,

Mu kwibutsa ibyemezo 1261(1999) cyo kuri 25 Kanama 1999,1265(1999) cyo kuri 17 Nzeli,1999, 1296(2000) cyo kuri 19 Mata 2000 na 1314(2000) cyo kuri 11 Kanama 2000,hamwe n'amatangazo ya Perezida wako, no kwibutsa kandi ijambo rya Perezida wako ku binyamakuru ku munsi wo kwizihiza Umunsi w'Umuryango w'Abibumbye ku Burenganzira bw'Abategarugori hamwe n'Umunsi mpuzamahanga w'Amahoro(Umunsi Mpuzamahanga w'Abategarugori) wo ku tariki ya 8 Werurwe 20009 (SC/6816),

Mu kwibutsa kandi ishingano z'icyemezo cya Beijing n'Urubuga rw'Ibikorwa(A/52/231)hamwe n'ibikubiye mu nyandiko y'inama idasanzwe ya makumyabiri na gatatu y'inteki rusange y'Umuryango w'Abibumbye yitwa "Abategarugori 2000:Uburinganirebw'ibitsina,Amajyambere n'Amahoro mu Kinyejana cya Makumyabiri na Rimwe"(A/S-23/10/Rev.1),cyane cyane ku birebana n'abategarugori n'imirwano,

Mu kuzirikana ingingo shingiro z'amahame remezo y'Umuryango w'Abibumbye n'ishingano z'Akanama Gashinzwe Amahoro hubuhirijwe Amahame remezo agenga kubahiriza amahoro mpuzamahanga n'umutekano,

Mu kugaragaza impungenge z'uko abaturage, cyane cyane abagore n'abana aribo benshi babangamiwe n'imirwano,hamwe n' impunzi n'abakuwe mu byabo,akaba ari nabo bibasirwa cyane n'abarwana n'abitwaje intwaro,no mu kugaragaza ingaruka z'ibi ku mahoro ahoraho n'ubwumvikane,

Mu kongera kwemeza uruhare rukomeye abagore bafite mu guhagarika no gukemura amakimbirane no mu gushakisha amahoro,no gushimangira uruhare rw'abagore rungana n'abandi mu bikorwa byose byo kubungabunga no kwimakaza amahoro n'umutekano, n'ubushake bwo kongera ruhare rwabo mu gufata ibyemezo mu guhagarika no gukemura amakimbirane,

Mu kongera kwemeza kandi ubushake bwo gushyira mu bikorwa amategeko mpuzamahanga y' uburenganzira bw'ikiremwamuntu arengera uburenganzirabw'abagore n'abakobwa mu gihe cy' midugararo na nyuma y'aho,

00-72018(E)

Mu gushimangira icyifuzo cy'uko impande zose mu makimbirane zigomba kugira uruhare mu gutegura ibisasu no kugira gahunda zo kwigisha abantu kumenya neza ibisasu zikazirikana kandi n' ibidasanzwe bikenewe n' abagore n'abakobwa,

Mu kwemeza icyifuzo cyihutirwa cy' iringaniza ry'ibitsina mu bikorwa byo kugenzura ibikorwa by'iyubahiriza ry'amahoro, kuri iki kibazo hakibutswa Amasezerano ya Windhoek n'Umugambi w'Ibikorwa wa Namibiya mu gushyira ikibazo cy'iringaniza ry'ibitsina mu Bikorwa Binyuranye byo Gushyigikira Amahoro(S/2000/693),

Mu kwemeza kandi ibyifuzo bikomeye bikubiye mu itangazo rya Prezida ku binyamakuru ryo ku tariki ya 8 Werurwe 2000 ku mahugurwa kabuhariwe ku bakoze bose bo mu bikorwa byo kugenzura iyhubahiriza ry'amahoro mu kubungabunga no kubumbatira uburenganzira bw'abagore n'abana igihe n'ibindi bidasanzwe bakenera igihe cy'imidugararo,

Mu kwemera ko kumenya ingaruka z'imirwano ku bagore n'abana,ibikorwa byo kurinda umutekano wabo n'ruhare rwabo rusesuye mu mugambi w'amahoro bishobora gutanga umusanzu mu gushimangira no kwimakaza amahoro mpuzamahanga n'umutekano,

Mu kuzirikana icyifuzo cyo kunoza uburyo bwo kuzigama amakuru k'ingaruka z'amakimbirane ku bagore n'abakobwa,

1. *Akanama Gashinzwe amahoro* karasaba ko ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye bikurikirana ko abagore bagira ababahagarariye mu nzego zose zifata ibyemezo mu gihugu, akarere no mu nzego mpuzamahanga no mu bikorwa byo guhagarika,kuyobora no gukemura amakimbirane.;

2. *Karashishikariza* Umunyamabanga Mukuru gushyira mu bikorwa umugambi we(A/49/587)usaba ko abagore bagira uruhare mu nzego zifata ibyemezo mu gukemura amakimbirane n'imigambi y'amahoro;

3. *Karasaba* Umunyamabanga Mukuru,kongera umubare w'abagore mu intumwa zidasanzwe n'abamuhagarariye mu bikorwa bye,kubera izo mpamvu urasaba ibihugu bigize umuryango guha umunyamabanga mukuru abakandida kugira ngo bashyirwe mu rutonde rusange ruhora ruhindurwa;

4. *Karakomeza gusaba* kandi Umunyamabanga Mukuru gushakisha uko yakwagura uruhare n'umusanzu w'abagore mu bikorwa by'muryango w'abibumbye,no cyane cyane mu ndorerezi za gisirikare,abapolisi ba gisivili, uburenganzira bw'abantu n'ibikorwa byo gufasha abantu;

5. *Kagaragaje ubushake* bwako bw'uko iriganiza ry'ibitsina ryashyirwa mu bikorwa byo kugenzura iyubahiriza ry'amahoro,urasaba kandi Umunyamabanga Mukuru aho bishoboka gushyira mu bikorwa iringaniza ry'ibitsina mu bikorwa by'umuryango bikorerwa hirya no hino;

6. *Karasaba* Umunyamabanga Mukuru guha ibihugu biri mu umuryango w'abibumbye amategeko n'ibikoresho bijyana no kurengera abagore hamwe n'uburenganzira n'ibyo bakenera ,hamwe no gushyira abagore mu bikorwa byose byo kugenzura iyubahiriza ry'amasezerano y'amahoro n'ibikorwa byo gushakisha amahoro,urasaba Ibihugu Bigize Umuryango w'Abibumbye gushyira ibi byifuzokimwe no gushishikariza amahurwa ku gakoko n'indwara ya Sida bigashyira muri gahunda z'inyigisho za gisirikare na gipolisi mu myiteguro yo kujya mu bikorwa by'umuryango w'abibumbye,urasaba kandi Umunyamabanga mukuru ko abakozi batari abasirikare bari mu bikorwa byo kugenzura iyubahiriza ry';amasezerano y'amahoro nabo bahabwa izo nyingisho;

7. *Karasaba* Ibihugu Bigize Umuryango w'abibumbye kongera umusanzu wabyo w'amafaranga,ubumenyi n'ibikoresho mu gufasha ibikorwa bijyana no kwigisha ibirebanan'iringanizary'ibitsina,birimo ibishyigikirwa n'imiryango inyuranye irimo Abagore, Ishami ry'umuryango 'abibumbye rishinzwe abana n'ibiro by'umuyobozi w'ishani ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe impunzi n'iyindi;

8. *Karasaba* ababifitemo uruhare bose,mu gihe bari mu mishyikirano no mu gushyira mu bikorwa amasezerano y'amahoro kuzirikana ikibazo cy'iringaniza ry'ibitsina, birimo:

(a) Ibidasanzwe abagore n'abakobwa bakenera mu gihe cyo kubimura no kubasubiza mu buzima busanzwe no mu gihe cyo gusana ibyangijwe n'imirwano,

(b) Ibyemezo bishyigikira ibikorwa by'abagore byo gushakisha amahoro n'ibikorwa by'a karere bijyana no gukemura imidugararo, hamwe n'ibikorwa birimwo abagore byo kubahiriza amasezerano y'amahoro,

(c) Ibyemezo bibungabunga no kubahiriza uburenganzira bw'abagore n'abakobwa,kubera ko cyane cyane bifitanye isano n'itegeko nshinga,uburyo bwo gutora,polisi n'ubucamanza,

9. Karasaba impande zose zifite uruhare mu mirwano kubahiriza amategeko mpuzamahanga arengera uburenganzira bw'abwagore n'abakobwa,cyane cyane n'kabatari abasirikare,mu birebana n'amasezerano ya Geneve yo muri 1949 n'andi yakurikiyeho yo muri 1977,n'amasezerano agenga impunzi yo muri 1951, y'ayakurikiyehoyo muri 1967,Amesezerano Akuranaho Ivangura iryo aryo ryose ku bagore yo muri 1979 n'amasezerano yo muri 1999 n'amasezeranoy'umuryango w'abibumbye agenga umwana yo muri 1989 n'ayakuriyeho kuri 25 Gicurasi 2000,no kuzirikana ingingo z'amasezerano ya Roma ashinga Urukiko Mpuzamahanga Mpana Byaha;

10. Karasaba impande zose zifite uruhare mu mirwano gufata ibyemezo bidasanzwe mu kurengera abagore n'abakobwa kugira ngo badakorerwa ibikorwa bihohotera ibijyana n'igitsina,cyane cyane kubafata ku ngufu n'ibindi bikorwa byibasira igitsina, n'bindi bikorwa by'ubugizi bwa nabi bikorwa mu mirwano;

11. Karashimangira ko ibihugu byose bihagarika umuco wo kudahana no kugeza mu nkiko abakoze itsembabwoko,ibyaha byibasira inyoko muntu,n'ibyaha bikorwa mu ntambara birimwo ubusambayi n'ibindi byaha bikorerwa abagore n'abakobwa,kuri iyi ngingo karasaba cyane ko aho bishoboka ibyo byaha byakurwa mu byaha bitangirwa imbabazi;

12. *Karasaba* impande zose mu mirwano kubahiriza abaturage no kubaho kw'abantu bari mu kambi z'impunzi,n'imidugudu, no kuzirikana ibyo abagore n'abakobwa bakeneye,birimo uko biteye, ukibutsa ibyemezo byawo 1208(1998) cyo 19 Ugushyingo 1998 na 1296(2000) cyo kuri 19 Mata 2000;

13. Karashishikariza abantu bose bafite uruhare mu gutegura imigambi yo kwambura intwaro,gusubiza abarwanyi mu buzima busanzwe kuzirikana ibikenerwa by'abagore n'abagabo bahoze ari abarwanyi no kuzirikana ibyo imiryango yabo ikeneye;

14.Kongeye kugaragaza ko kiteguye,igihe cyose hamaze gufatwa ibyemezo mu kubahiriza ingingo ya 41 y'amahame remezo y'umuryango w'abibumbye,kuzirikana ingaruka zabyo ku baturage,kzirikana cyane ibikenerwa bidasanzwe by'abagore n'abakobwa,kugira ngo hafatwe ibyemezo bikwiye bijyana na muntu;

15.Karagaragaza ubushake bwako bwo kubona ko ibikorwa by'Akanama Gashinzwe Amahoro bizirikana iringaniza ry'ibitsina n'uburenganzira bw'abagore, birimwo kujya inama n'amashyirahamwe y'abagore yo mu bihugu hamwe n'amashyirahamwe mpuzamahanga y'abagore;

16.Karasaba Umunyamabanga Mukuru gukora iperereza ku ingaruka z'imirwano ku bagore n'abakobwa,uruhare rw'abagore mu gushakisha amahoro n'iringaniza ry'ibitsina mu migambi y'amahoro no gukemura imidugararo, *karamusaba kandi* gutanga icyegeranyo mu Kanama Gashinzwe Amahoro ku bizava muri iryo perereza akanabigeza ku bihugu byose biri mu muryango w'abibumbye;

17 .Karasaba Umunyamabanga Mukuru, aho bishoboka,gushyira mu cyegeranyuo cye ku kanama gashinzwe amahoro amajyambere kubirebana n'iringaniza ry'ibitsina mu bikorwa byose byo kugenzura iyubahiriza ry'amahoro n'ibindi bibazo by'abagore n'abakobwa;

18. *Kemeje* gukomeza gukurikirana icyo kibazo